**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# ITANGAZO RYEREKEYE AMATORA YA EALA

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha abantu bose, by'umwihariko Abagize Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga ko **guhera tariki 07/11/2022 kugeza 11/11/2022** hazatangira igikorwa cyo kwakira dosiye z'abazatorwamo abakandida b'Abadepite bajya mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EALA).

Kwakira dosiye bikorerwa ku cyicaro cya buri Nama y'Igihugu mu masaha y'akazi, cyangwa mu buryo bw'Ikoranabuhanga kuri e-mail z'izo nama z'Igihugu.

**Utanga Kandidatire agomba kuba ari:** Umunyarwanda ufite nibura imyaka 21 y'amavuko, wemerewe gutora no gutorwa kandi afite ubushake n'ubushobozi bwo guteza imbere intego z'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba ;

**Kandidatire iherekezwa n'ibi bikurikira:**

- Amazina ye yose ahuye n'ari mu ikarita ndangamuntu;
- Umwirondoro ugaragaza itariki y'amavuko, aho yavukiye, icyo akora n'aho atuye;
- Icyemezo cy'amavuko kitarengeje amezi atatu (3)
- Fotokopi y'ikarita ndangamuntu;
- Icyemezo cy'ubutabera kitarengeje amezi atandatu (6) kigaragaza ko umuntu atigeze akatirwa cyangwa yakatiwe n'urukiko igihano cy'igifungo;
- Kopi y'impamyabumenyi, iyo ayifite, iriho umukono wa Noteri;
- Inyandiko yashyizeho umukono cyangwa igikumwe itanga kandidatire kandi ihamya ko ibyangombwa yatanze muri dosiye ye bihuje n'ukuri.
- Ku bakandida baturuka mu Nama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga Icyemezo cyatanzwe na muganga ubifitiye ububasha cyemeza ubumuga bwe,

Ukeneye ibindi bisobanuro yasura urubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora arirwo www.nec.gov.rw

Bikorewe i Kigali, kuwa 3/11/2022

**MUTIMUKEYE Nicole** Digitally signed by NEC(Vice Chairperson)

Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora